RUTWE J.B.

Commune ya Nyabisindu
Préfecture ya Butare
- - - - - - - - - - - -

Nyabisindu, le 13/5/1968

Kuri Nyakubahwa Président wa Republika y 'u Rwanda i K I G A L I.-

Nyakubahwa Président,

Ndabaramutsa,

Mbandikiye iyi baruwa mbitewe n'akarengane dufite simavuga ko arijye jyenyine urengana harin'abandi barengana. Ibyo turengana ho n'ibi ngibi:

1) Kutagira aho tuburanira tugahora twitwa bàbandi bariye inka bagatwika amazu.

2) Kwamburwa amasambu agasubizw'impunzi zari zaranze kumvikana n'igihugu ngo ntibashaka Republika. Urugero: isambu yanjye barayinyambuye ihabwa Makuza w'impunzi y'i Bufundu waheze ariumupolisi w'umwami. KANYAMUGARA yambuwe isambu ihabwa inshuti ya sebukwe wa Habiyambere Bourgmestre bahunganye. Ubwo se iyo sambu yanjye nambuwe sinari narayitsindiye ku itariki 29/6/1965 nyitsindira uwo Makuza! Kandi lero nari nayihawe n'inama ya Komine muri 1960 hanyuma Bourgmestre ayitanga avuga ko ibyo inama za kera zakoze atabyitayeho. Nta muntu wundi utari uwabaye Parmehutu mbere ya 1960 ugirirwa nabi.

3) Gufungwa uko abandi badafungwa. Muri Komine ya Nyabisindu abaparmehutu bo muri 1959-1960 bafite ubwabo buroko,kandi lero twabimenyesheje Bwana Préfet ku itariki 23/3/1968 kugeza ubu ntacyo arabikoraho. Tukibaza icyo twacumuye tukakibura. Ntabwo tumerewemeza muri iyi Komine. Urugero SEBIZIGA abapolisi bamusanze iwe baramufata baramukubita cyane intumbi yo bayirambika m' urutoki tuhamukura mu gitondo tumujyana kwa Muganga baramutwambura baramufunga bavuga ko yashenye inzu kandi ari ukumubeshyera, ahubwo azira inzangane gusa.

4) Ibibaye muri Komine ngo byatewe n'Abaparmehutu ba kera. Ntabwo ari koko ahubwo n'inzangane zo guhera kuko Bourgmestre wadu sewabo witwa NKUKUZI yabaye impunzi muri 1961, sewabo Gasamunyiga n'abahungu be bari barasengeye imigane ngo yo kuzabamba Abaparmehutu Lunari imaze gutsinda. Babonye Lunari itsinzwe bafata umuparmehutu RUKWAVU Yohana baramubamba yamaze imyaka ibiri mubitaro. Uwo Gasamunyiga ubu ngubu niwe mujyanama wa Komine ukomeye, ninaho guhera kuva. Na sebukwe wa Bourgmestre ajya aducyulira ko yazize intambara, ari nayo mpamvu Bourgmestre wacu ahora Abaparmehutu ba kera.

5) Ku itariki 22/1/1965 Abarwanashyaka banditse urwandiko barwandikira Nyakubahwa Bwana Président wa Rèpublika basobanura uburyo Cour Suprême yari ibamereye, rufatwa rutarà gera kuwarwohererejwe,rugaruka muri Komine, banyirukana uwo munsi mva mu inama ya Komine, ninayo impamvu abarusinye batotezwa, ngo urwerwandiko nirwo rwatumye Sagahutu na Hakizimana birukanwa. Kandi lero Hakizimana ni musanzire wa Habiyambere akaba n'inshuti ya Sagahutu. Ubu ngubu Prezida wa Cour Suprême niwe utanga inama zo guhera. Ni nkawe Bourgmestre wacu,ubu bamwita "uw'inyana zumva zikabira zose" kandi niwe wandika muri Komine mu kigwi cya Secrétaire wa Komine. Muzabaze umuntu witwa MUGARURA utuye ku murenge Kibaga muri Komine Nyabisindu,azaberekе quittance bamuhaye arengeranya umukwe we, muzasanga yarasinyweho na Fulgence SEMINEGA mu mwanya wa Secrétaire wa Komine, ubwo bwumvikane bwabo bategetse bugatuma

bumvikanira kawo banze bakamugirira nabi ntagire aho arega kubera ko ntawundi mutegetsi wabyinjiramo anyuze kuri Prezida wa Cour Suprême kandi w'inshuti ya Habiyambere y'amagara.

Ndabasaba ko mwadusabira Bwana Prezida wa Cour Suprême akatworohera kuko ariwe utanga inama zitugirira nabi,kandi mbasaba ko mwatuvaniraho akarengane kari muri Komine ya Nyabisindu ku abantu bamwe banzwe na Bourgmestre afatanyije na Bwana Prezida wa Cour Suprême,kuko kugeza ubu ntiyumvisha uburyo F.SEMINEGA yafatanyije ubutegetsi bw'inkiko n'ubutegetsi bwa Komine.

Mbasezeyeho nizeye ko muzadukiza ako karengane mbabwiye bidatinze,kandi mbifuriza amahoro mu mirimo ikomeye mushinzwe.

Nijye RUTWE.J.B.